**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**

**Ngoma, kuwa 26/9 /2018**
**Ref 2418/07.05.06**

-Madamu/Bwana Umuyobozi w'ishami mu Karere ka Ngoma(Bose)

-Madamu/Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge mu karere ka Ngoma(Bose)

**IMPAMVU: Kukugezaho imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngom yo kuwa 13/09/2018.**

Bwana/Madamu Muyobozi,
Nshingiye kuri Kopi nagenewe y'ibaruwa No Ref.NJY/73/07.05.06 yo kuwa 17/09/2018 nandikiwe na Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma anshyikiriza Imyanzuro y'Inama Njyanama yavuzwe haruguru kugirango Komite Nyobozi y'Akarere iyishyire mu bikorwa,

Nshingiye kuri Kopi nagenewe y'ibaruwa No 074/07.05.01 yo kuwa 24Sep 2018 Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba yandikiye Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma amusaba ko imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yatangira gushyirwa mu bikorwa;

Nejejwe no kukwandikira nkugezaho iyo myanzuro kugirango uyimenye kandi ukoreshe uburyo bwose bwemewe bwo kuyimenyekanisha: Kuyimanika ahabigenewe ku biro by'Akarere,by'Imurenge n'Utugari, kuyishyira kuri Website y'Akarere,etc.

Ndagusaba kandi gushyira iyo myanzuro mu bikorwa.

Mugire amahoro.

**NAMBAJE Aphrodise**
Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

**Bimenyeshejwe:**
-Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma
-Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere wungirije(Bose)
-Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Ngoma

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Rwamagana, kuwa.......... 24 SEP 2018

N°...074.........../07.05.01

OFFICE OF NGOMA DISTRICT COUNCIL
RECEIVED ON: 24/07/2018
REFERENCE:
SIGNATURE:

OFFICE OF THE MAYOR NGOMA DISTRICT
RECEIVED ON: 27/9/2018
REFERENCE:
SIGNATURE:

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**<u>NGOMA</u>**

**<u>Impamvu</u>: Imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 13/09/2018**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 13/09/2018 yangezeho kuwa 17/09/2018;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe, nkaba nsaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa. Nanone ndabashimira umwihariko mwahaye ibibazo by'abaturage, mbasaba ko murushaho kugira uruhare mu bikorwa Akarere kiyemeje gukora muri uyu mwaka wa 2018/19.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**<u>BIMENYESHEJWE:</u>**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **<u>KIGALI</u>**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **<u>NGOMA</u>**

P.O. Box 30 Rwamagana, Tel: 0252567931, Email: info@easternprovince.gov.rw
Website: www.easternprovince.gov.rw

4

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Ngoma, kuwa 17/09/2018

No Ref.NJY/73 /07.05.06

OFFICE OF THE MAYOR
NGOMA DISTRICT
RECEIVED ON: 27/09/2018
REFERENCE:...........
SIGNATURE:...........

Eastern Province
For reception
Date 17 SEP 2018
Signature...........

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email:** **discouncilngoma@yahoo.fr**

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 13 Nzeri 2018.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohereze ku mugereka w' iyi baruwa Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y 'Akarere ka Ngoma yo kuwa **13 Nzeri 2018.**

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**KIGALI**

RECEPTION
MINALOC
Date: 18/9/18

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ngoma, kuwa / /2018

No Ref.NJY/ /07.05.06

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

INAMA NJYANAMA

Email: discouncilngoma@yahoo.fr

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 13 Nzeri 2018.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohereze ku mugereka w' iyi baruwa Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y 'Akarere ka Ngoma yo kuwa **13 Nzeri 2018.**

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**KIGALI**

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

Inama yatangiye sa yine za mu gitondo (10h00) ifata imyanzuro ikurikira:

| NO. | IKIZWEHO | IMITERERE | IMYANZURO |
|---|---|---|---|
| 1 | Iteganyabikorwa (Action plan) ry'Akarere rya 2018/2019 | Iri teganyabikorwa ryamaze kunozwa neza inzego zose zibigizemo uruhare. | Inama Njyanama imaze gukora ubugororangingo ku iteganyabikorwa "action plan" ry'Akarere rya 2018/2019 iraryemeje ariko isaba ko hagaragazwa uburyo rizashyirwa (Implementation plan), byombi bikazongera kuganirwaho mu mwiherero w'Akarere uteganyijwe kuwa 20-23/09/2018. |
| | Imbonerahamwe ya Serivisi zitangirwa ku Karere, ku Murenge,ku Kagari(Service Charters) | Inama yagejejweho iyo mbonerahamwe iyunguranaho ibitekerezo | Imaze kuyunguranaho ibitekerezo, Inama Njyanama yemeje imbonerahamwe ya Serivisi zitangirwa ku Karere, ku Murenge no ku Kagari. Inama Njyanama yemeje kandi ko ku Karere hagomba gushyirwaho ingamba zo gukurikirana uko izo serivisi zitangwa no kunoza imitangire yazo. |
| 3 | Ibipimo by'imisoro n'amahoro mu Karere mu mwaka wa 2018/2019 | Inama yagejejweho ibyanogejwe ibipimo by'imisoro n'amahoro bitari byaremejwe mu nama Njyanama yo kuwa 29/06/2018 | Inama Njyanama yemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro bya 2018/2019. |
| 4 | Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yanditse asaba uburenganzira bwo kwimura imiryango ine(4) | Nk'uko muri uyu mwaka wa 2018/2019 ubuyobozi bw'Akarere ka Ngoma bufite gahunda yo kuvugurura no kwagura Urwibutso rwa Jenoside ruherereye mu Murenge wa RUKUMBELI, imiryango ine ihegereye igomba kwimurwa igahabwa ingurane. Umuryango | Inama Njyanama yemeje ko iyo miryango yimurwa ariko Akarere kakabanza kugirana amasezerano yanditse n'abimurwa ndetse n'ugomba kubakirwa by'umwihariko. |



IBS

| | | | |
|---|---|---|---|
| | ku nyungu rusange. | ufitemo inzu wo ukazanubakirwa.<br>Iyo miryango ni:<br>1. Uwa KABANYANA Viviane UPI 252<br>2. Uwa SEZIKEYE Bonaventure UPI 256<br>3. Succession NDAYAMBAJE uhagarariwe na NYIRABASINGA Peruth UPI 255 bakaba banafitemo inzu.<br>4. Uwa HABIMANA Vianney UPI 254 | |
| 5 | Ibaruwa umuyobozi w'Inama y'ubuyobozi y'urwego rw'amazi, isuku n'isukura mu Karere ka Ngoma(District WASH Board) yanditse asaba kwemeza insimburamubyizi ku bagize Inama y'ubuyobozi mu gihe bitabiriye inama | Umuyobozi yanditse asobanura ko abagize Inama y'ubuyobozi bibagora kuzuza inshingano zabo kuko batagenerwa insimburamubyizi n'inyoroshya ngendo iyo bitabiriye inama. | Inama imaze gusuzuma ubusabe bw'uyu Muyobozi, abari mu nama bemeje ko mu gihe abagize Inama y' Ubuyobozi y' Urwego rw'Amazi Isuku n' Isukura (District Wash Board ) bitabiriye Inama; buri muntu azajya ahabwa insimburamubyizi ingana n' amafaranga ibihumbi makumyabiri y' amanyarwanda ( 20,000Rwf) akubiyemo ifunguro, inyoroshyarugendo n'insimburamubyizi. Ayo mafaranga ava mu byinjijwe n' urwo rwego. |

REPUBULIKA Y' U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

INAMA NJYANAMA

**IMYANZURO Y' INAMA ISANZWE Y' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE KA NGOMA YO KUWA 13/09/2018**

Ku itariki ya **13/09/2018** mu cyumba cy' inama cy' Akarere ka Ngoma hateraniye inama isanzwe y' Inama Njyanama y' Akarere iyoboye na Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma **Bwana BANAMWANA Bernard**. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 23/29 bagize Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma .Abajyanama bagaragaje impamvu zumvikana zo kutitabira inama ni aba bakurikira :

1. Dr. NAMANYA William;
2. MUGIRANEZA K.Thierry;
3. ISINGIZWE Aline;
4. UWIMANA Florence;
5. SINAYOBYE Innocent;
6. HABAKURAMA Oreste

| | | | |
|---|---|---|---|
| 6 | Ibaruwa KARASIRA Theophile utuye mu Murenge wa Jarama mu Kagali ka Kigoma yanditse asaba gukosorerwa icyangombwa cy'ubutaka. | KARASIRA Theophile yanditse asobanura ko icyangombwa cye cy'ubutaka gifite ubuso bunini ugereranyije nubwo afite bityo akaba abazwa umusoro munini kandi agasabwa amafaranga yo gukosoza icyo cyangombwa.<br>Raporo y'aba tekinisiye b'akarere bagiye gupima ubwo butaka igaragaraza ko ayo makosa yabayeho yo guha Karasira Icyangombwa cy'ubutaka gifite ubuso bunini ugereranije nubwo afite. | Inama imaze gusesengura iyi raporo, yemeje ko KARASIRA Theophile ahabwa icyangombwa cy'ubutaka kingana n'ubuso afite kandi agasonerwa amafaranga yo gukosorerwa icyangombwa; ariko akishyura ibirarane by'umusoro uhura n'ubutaka bwe nyakuri ari nabwo buzagaragara ku cyangombwa gishya. |
| 7 | Ibaruwa NIYONSHUTI Claude utuye mu Murenge wa Rukira Akagari ka Kibatsi yanditse asaba gukodeshwa urwuri rungana na 8Ha | NIYONSHUTI Claude yanditse avuga ko ubwo butaka asanzwe abukorera mo ubworozi bw'inka bityo akifuza ko Akarere kabumukodesha agakomeza gukoreramo uwo mushinga. | Inama imaze gusuzuma ubu busabe yasanze NIYONSHUTI Claude atakodeshwa ubwo butaka kuko ubutaka budatizwa umuntu ku giti cye ahubwo ko yakwibumbira hamwe n'abandi bagakora koperative ikagaragaza umushinga ifite ubundi bakabona gusaba. |
| 8 | KALISA Jean Claude uhagarariye imiryango 7 iri mu Murenge wa Jarama yanditse asaba uburenganzira bwo kwibaruzaho ubutaka | KALISA Jean Claude yanditse avuga ko iyi miryango yubakiwe ihungutse nyuma yo kwirukanwa TANZANIYA; inahabwa ubutaka bwo guhingamo. None bakaba basaba ko ubwo butaka bakoresha bahabwa uburenganzira bwo kubwibaruza ho | Inama Njyanama yafashe umwanzuro ko iyi miryango ihagarariwe na KALISA Jean Claude yibaruzaho ubwo butaka kandi ubuyobozi bw'Akarere bukita ku |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | bahawe banabwubakirw amo ubundi bahingamo | kugira ngo burusheho kubagirira akamaro.<br>Iyo miryango ni iyi:<br>1. GASARASI Louis<br>2. BYENSI Jofrey<br>3. MWESIGWA Emmanuel<br>4. HARERIMANA John<br>5. TUMUYINE Simon<br>6. NASIMA Odiriya<br>7. KALISA J de Dieu<br>Inama imaze kubona ubu busabe yohereje aba tekinisiye bo mu biro by'ubutaka kujya gusuzuma iki kibazo. Basanze koko iyi miryango yarahawe ubutaka nyuma yo kwirukanwa TANZANIYA ariko hakaba hari na bamwe bataye amazu bahawe ubu akaba arimo gusenyuka. | micungire y'amazu yatawe n'abari bayahawe. |
| 9 | AIP Guy Julien NTWALI yanditse asaba uburenganzira bwo kwibaruzaho ubutaka buri mu mudugudu wa Kabeza, akagali ka Karenge, umurenge wa Kibungo bwanditse kuri MINADEF | Guy Julien NTWALI aravuga ko ubwo butaka buriho ishyamba yabuhawe n'umubyeyi we; kandi ko hari n' abandi badikanyije bahawe icyangombwa. Inama imaze gusuzuma ubu busabe yohereje itsinda ry'abatekinisiye bo mu biro by'ubutaka rijya gusuzuma iki kibazo. Basanze nta kintu na kimwe kigaragaza ko ubwo butaka bwaba | Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma imaze gusuzuma iyo raporo yafashe umwanzuro ko AIP Guy Julien NTWALI atakwemererwa kubwibaruzaho ubwo butaka kuko ari ubwa Leta (MINADEF). |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | bwarigeze kuba ubwa AIP Guy Julien NTWALI. | |
| 10 | Ibaruwa GAKWAYA Felicien wo mu Murenge wa KIBUNGO, Akagari ka Karenge, Umudugudu w' Ihuriro yandikiye Inama Njyanama y'Akarere asaba gukosora imbago(imbibi) | Gakwaya Felicien nyuma y'uko ubuyobozi bwabonye ko yubatse ibiraro by'amatungo; agaca umuhanda mu butaka butari ubwe; bakemeranywa n' Itsinda ry' abakozi b'akarere babibonye bagiye mu kindi kibazo cy'umuturanyi we; ko azakosora ayo makosa yose yakoze. Nyuma yaje kwandika ibaruwa isaba gukosora imbago kandi ari we warengereye. | Nyuma yo gusuzuma ubusabe bwe; no gusuzuma raporo y' Abatekinisiye, Inama Njyanama yafashe umwanzuro wo kumumenyesha ko ubusabe bwe nta shingiro bufite, ahubwo agomba gukosora amakosa yakoreye ku butaka bwa Leta nk'uko abatekinisiye babimubwiye. |
| 11 | SSP VITA Hamza Umuyobozi wa Police mu Karere ka Ngoma yanditse asaba guhabwa ubutaka bw'ahazubakwa DPU HQ(buherereye i Musamvu) na Police Station (buherereye i Zaza ku biro by'Umurenge) | Umuyobozi wa Polisi mu Karere aravuga ko Polisi y'igihugu ifite umushinga wo kubaka hirya no hino mu Turere aho ikorera. Mu karere ka Ngoma akaba asaba guhabwa ubutaka bwegereye aho ikorera kugirango ihubake. Raporo y'itsinda ry'abatekinisiye boherejwe gusuzuma iki kibazo yagaragaje ko n'aho Polisi ikorera yahatijwe. | Inama Njyanama yafashe umwanzuro ko Umuyobozi wa Polisi mu Karere adahawe ubwo butaka kuko nta mushinga wo kubaka Akarere kagaragarijwe na Polisi y'Igihugu. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 12 | NYIRANZAYIRWANDA Speciose utuye mu Muremge wa RUKUMBELI yanditse asaba guhabwa ingurane y'ubutaka bwe adahingamo kuko bwegereye ikiyaga. | NYIRANZAYIRWANDA Speciose avuga ko yari afite isambu ikora ku kiyaga hanyuma nk'uko amabwiriza abivuga aza kubuzwa guhinga mu ntambwe zegereye ikiyaga bityo akaba asaba ko yahabwa ingurane y'ubwo butaka. Itsinda ry'abatekinisiye ryagiye gusuzuma iki kibazo ryasanze nkuko abivuga ariko byagenze gusa kandi akaba yarasigaranye ubundi butaka. | Inama Njyanama yemeje ko NYIRANZAYIRWANDA Speciose adahabwa ingurane y'ubwo butaka kuko busanzwe ari ubwa Leta. Iyo aba ataragize ubutaka asigarana yari gufashwa kubona aho ahinga. |
| 13 | NSHUMBUSHO Francis yandikiye Inama Njyanama asaba ubutaka bwo gukoreramo umushinga w'ubuhinzi. | NSHUMBUSHO Francis avuga ko nta sambu agira ariko akaba yarize ubuhinzi kandi nta kazi afite bityo akaza asaba ubutaka bwo guhinga mo buri Mu murenge wa Kibungo ,mu Kagari ka Cyasemakamba | Inama Njyanama imaze gusuzuma ubusabe bwe yemeje ko ubwo butaka atabuhabwa kuko ubutaka bwa Leta butajya buhabwa umuntu ku giti cye. Akwiye kwegera abandi bagakorera mu makoperative. |
| 14 | Ibaruwa y'Umuyobozi w'Akarere isaba Inama Njyanama gukurikirana ikibazo cya bene BUGABO Pierre bahagarariwe na Beneyezu Marie Vianney bafitanye na MUKANDANGA Euthalie | Iki kibazo cy'abana b'imfubyi za Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 basaba gusubizwa ubutaka bwa gakondo y'iwabo Leta yafasheho igice ikagituzaho MUKANDANGA Euthalie wari uhungutse mu 1994 muri gahunda y'isaranganya, cyari cyaraganiriweho mu Nama Njyanama yo kuwa 18/04/2018. Icyo gihe BENEYEZU Marie Vianney yasabwe kuzana "Procuration" babyara be baba mu Busuwisi bamuhaye ngo abahagararire muri icyo kibazo none yarayizanye. | Inama Njyanama yemeje ko bene BUGABO Pierre bahabwa ingurane y'ubutaka bungana n'ubwahawe MUKANDANGA Euthalie kubera ko MUKANDANGA atihaye ubutaka ahubwo yahatujwe na Leta muri gahunda y'isaranganya. |



IBS

| | | | |
|---|---|---|---|
| 15 | Ibaruwa Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Karere yandikiye Inama Njyanama asaba kongerera ubushobozi Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Imirenge | Hashingiwe ku byifuzo by'inteko rusange y'Urubyiruko yateranye kuwa 25/5/2018 aho abahagarariye urubyiruko ku rwego rw'Imirenge bagaragaje imbogamizi bahura nazo zitandukanye zijyanye no gushyira mu bikorwa imihigo bahize; cyane cyane mu gihe bategura inteko rusange z'Urubyiruko, ndetse no kubona impapuro zo gukora raporo, kugura ikarita yo guhamagara n'ibindi…Ibi bikaba byaragiye bidindiza ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano n'imihigo y'urubyiruko. | Inama Njyanama yemeje ko abahuzabikorwa b'inama z'igihugu ku rwego rw'Umurenge (Urubyiruko, abagore, abafite ubumuga) bahabwa itumanaho rikomatanyije(CUG) kandi mu ivugururwa ry'ingengo y'imari y'Akarere 2018/2019 kuri "Own revenues" hazarebwe uko ibyo byiciro byihariye byakwitabwaho. |
| 16 | Ibaruwa Madamu NIYOYITA Pacifique wo mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge, Umudugudu w'Amahoro, yandikiye Inama Njyanama asaba kubona aho gutura kuko atagira inzu. | Mu ibaruwa ye agaragaza ko Nyuma y'Igihe yamaze aba muri ASOFERWA (Kibungo), yaje kuhavanwa n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Kibungo kuva icyo gihe akaba abaho acumbikiwe n'abagiraneza. Afite ikibazo cy'ubumuga bw'ingingo dore ko akoresha imbago kuberako yaje gucika Ukuguru. Nubwo avuga ko akomoka i Rubavu ariko nawe ntabwo ahazi kubera ko yarezwe na Mukuru we ababyeyi bamaze kwitaba Imana. Nyuma abana n'abihaye Imana mukuru we amaze gushinga urugo. Yageze muri Ngoma mu 1982 aba mu babikira b'Abizera Mariya nyuma nibwo yatangiye ubwo buzima.<br>Yatubwiye kandi ko afite umwana umwe w'umuhungu wiga mu mwaka wa 4 wa Kaminuza (KHI) ariko nawe ntabana nawe kubera ubwo buzima nyina abayemo mu gihe cy'ibiruhuko nawe acumbika ku ncuti ze. | Inama Njyanama yemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bushakira NIYOYITA Pacifique inzu muri IDP Model. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 17 | Ibaruwa Umuyobozi w' Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere ka Ngoma yandikiye Inama Njyanama asaba kuzuza abagize Inama y'ubuyobozi (Boad) ya Farumasi | Muri iyi baruwa yagaragaje abagize Inama y'Ubuyobozi ya Farumasi bagomba gusimbuzwa kubera impamvu zinyuranye aribo:<br>1. MUJAWIMANA Edulene wanditse asezera bityo Akaba yasimbuzwa,<br>2. KAZIMIRI Juvens warangije mandat ye yasimburwa n'uwamusimbuye ku buyobozi bw'urugaga rw'abikorera mu Karere nk'uko bigenwa n'itegeko. | Inama Njyanama yemeje ko Madamu DUKUZIMANA Marie Alice usanzwe ari Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima rusange mu Karere ka Ngoma ndetse na Bwana HABAKURAMA Oreste uhagarariye Urugaga rw'abikorera mu Karere ka Ngoma basimbura MUJAWIMANA NA KAZIMIRI mu Nama y'Ubuyobozi ya Farumasi y'Akarere ka Ngoma. |
| | Ibaruwa NTAGUNGIRA Celestin wo mu Karere ka Kayonza, Umurenge wa Kabarondo yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa | NTAGUNGIRA Celestin yigeze kuba umushoferi wa Komini Birenga. Asobanura ko hari amafaranga agera ku bihumbi Magana abiri na mirongo irindwi na bitatu(273,000Frw) atishyuwe abandi bakoreye amakomini dosiye zabo zikaba zaroherejwe muri MINECOFIN bakishyurwa we ntibikorwe. Urupapuro yerekana ni urwo yandikiwe na Burugumesitiri amuha gahunda y'uko azayishyurwa mu byiciro kuburyo bigaragara ko umwaka wa 2000 wagombaga kurangira umwenda ushizemo. Komini zavuyeho mu 2001 kandi ntaho bigaragara ko hari ayari atarishyurwa kuri uwo mwenda, ndetse n'amahererekanyabubasha yose yabaye hagati y'inzego z'imitegekere nshya n'izo zabaga zisimbuye ntaho uwo mwenda ugaragara nk'uko bisobanurwa n'Umuyobozi w'ishami ry'ubutegetsi n'imicungire y'abakozi mu Karere ka Ngoma. | Inama Njyanama yafashe umwanzuro ko Akarere katemera uwo mwenda bityo akarengane NTAGUNGIRA Celestin avuga kakaba nta shingiro gafite. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 19 | Ibaruwa ya INGABIRE Peruth wo mu Murenge wa RUKIRA, Akagari ka BURIBA, Umudugudu wa RUGARAGARA yandikiye Inama Njyanama asaba ko bahabwa uburenganzira bwo kwandikwaho ubutaka bashubijwe na Leta. | INGABIRE Peruth we n'abavandimwe be UWAMAHORO Angelique na UWINGENEYE Claudette ni bene MURENGERANTWALI Emmanuel bakaba ari imfubyi za Jenoside. Hari ubutaka bungana hafi na 3Ha bwari ubw'umubyeyi wabo basaba ko bubandikwaho kuko babuhawe nUmurenge wa Rukira ibuvanye mu maboko y'abaturage Akarere kari karabutije kuko bwari bwarabaye ikigunda. Ibyo bigaragara muri raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rukira yakoreye Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma kuwa 13/09/2016 asaba ko uwo mutungo wakwandikwa kuri benewo. Itsinda ry'abakozi b'Akarere naryo ryagiyeyo risanga niko bimeze. | Inama Njyanama yafashe umwanzuro ko ubwo butaka bwandikwa kuri Succession MURENGERANTWALI Emmanuel. |
| 20 | Ibaruwa MUKANKUSI Patricie yandikiye Inama Njyanama asaba guhabwa umutungo we ugizwe n'inzu iherereye mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge | Uyu MUKANKUSI ubu ubarizwa mu Karere ka HUYE, Umurenge wa Huye, Akagari ka Rukira, mbere ya Jenoside yabaga muri Ngoma iyo nzu asaba ikaba yari iy'umugabo we wahoze ari umusirikari muri Camp Huye. Itsinda ry'abakozi b'Akarere ryakurikiranye icyo kibazo ritanga raporo ivuga ko iyo nzu ihari Ubuyobozi bw'Umurenge bukaba bwarayicumbikiyemo umuntu utishoboye kandi nta muntu iyo mitungo ibaruyeho byafatwaga nk'ibitagira beneyo. Abaturage bahamya koko ko ari umutungo wa MUKANKUSI Patricie | Inama Njyanama yafashe umwanzuro ko MUKANKUSI Patricie ahawe uburenganzira bwo kwiyandikishaho uwo mutungo. |
| 21 | Ikibazo cy'imicungire mibi ya Captation grant na School feeding mu bigo by'amashuri | Ubugenzuzi bwakozwe muri 2017 bwagaragaje ko mu bigo byinshi ayo mafaranga yacunzwe nabi, ibyo Komite y'Ubugenzuzi yafashe umwanya wo kubisesengura itumiza inama n'abashinzwe uburezi mu Mirenge yose ndetse ikurikizaho inama n'abayobozi b'ibigo by'amashuri. Hafashwe ingamba | Inama Njyanama yemeje ko amafaranga azajya asohorwa kuri konti y'ikigo cy'ishuri ari uko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ishuri riherereyemo cyangwa undi yabihereye ububasha yemeje inyandiko zisaba ko asohorwa kuko azaba |



IBS

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | Inama Njyanama ikwiye gushyigikira. | yagenzuye ko agiye gukoreshwa ibikenewe kandi ko cheque yujuje neza. |
| 22 | Ibaruwa y'Umuyobozi w'Akarere isaba Inama Njyanama ko hashyirwaho Umugenzuzi w'Akarere ukuriye abandi "Head of Internal Auditors " | Nk'uko biteganywa mu gitabo cyashyizwe ahagaragara na MINECOFIN muri Nyakanga 2011 kitwa **"The Government of Rwanda internal audit procedures manual"** aho inshingano z'Umugenzuzi ukuriye abandi ziteganywa ku rupapuro rwa 17. Gushyiraho uyu Mugenzuzi ni ugushyira mu bikorwa Umwanzuro w'Umgenzuzi Mukuru w'Imali ya Leta. | Inama Njyanama yemeje ko **KAREKEZI Eugen** ariwe ugizwe Umugenzuzi ukuriye abandi bagenzuzi mu Karere ka NGOMA. |
| 23 | Umwiherero w'Akarere | Nyuma y'isuzuma ry'imihigo y'Akarere ya 2017/2018 byagaragaye ko hakeneye umwiherero wo kwisuzuma no gufata ingamba zizafasha Akarere kwesa imihigo neza kuko umwanya kariho udashimishije. | Inama Njyanama yemeje ko umwiherero uzaba kuva kuwa kane tariki ya 20/09/2018 kugeza ku cyumweru tariki ya 23/09/2018. Hashyizweho Komite igiye kuwutegura. |

Inama Njyanama yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri za nimugoroba(18h00) umuyobozi yongera gushimira abajyanama.

Umwanditsi w'Inama

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Ngoma

Umuyobozi w'Inama

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Ngoma

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

**URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE BITABIRIYE INAMA YAYO ISANZWE YO KUWA 14/09/2018**

| No | AMAZINA | IGITSINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | UWIMGABIRE Fausta | F | Gashanda | 0788539662 | |
| 2 | UMUHIRE M. Providence | F | SAKE | 0788630377 | |
| 3 | Dr KANOBANA M | M | SAKE | 0788413212 | |
| 4 | Muligo Ladislas | M | Karembo | 0788665751 | |
| 5 | MUSONERA Ephrem | M | Mugesera | 0788389697 | |
| 6 | MUKARUTESI Chantal | M | KIBUNGO | 0788467995 | |
| 7 | HAKIZIMANA Augustin | M | KIBUNGO | 0788604376 | |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

**URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE BITABIRIYE INAMA YAYO ISANZWE YO KUWA 14/09/2018**

| No | AMAZINA | IGITSINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | KANYANGE Faulathy | F | Karembo | 0788770822 | |
| 2 | MWUSABWASONI M.G. Sandra | F | Zaza | 0788541285 | |
| 3 | Aphrodise Nambaje | M | Kibungo | 0786859415 | |
| 4 | RUKUNDO Gilain | M | Gashanda | 0788514139 | |
| 5 | MBARANGA Eudence Gervais | M | Murama | 0788271752 | |
| 6 | KIRENGA Providence | F | Kazo | 0788562953 | |
| 7 | MUGISHA Narcisse | M | REMERA | 0783716454 | |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

**URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE BITABIRIYE INAMA YAYO ISANZWE YO KUWA ~~14~~13/~~06~~09/2018**

| No | AMAZINA | IGITSINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | MUKANKUNZI Pelagie | Coor | MUGESERA | 0788605220 | [signature] |
| 2 | RWIRIRIZA J.M.V | M | RUKIRA | 0780522524 | [signature] |
| 3 | | | | | |
| 4 | | | | | |
| 5 | | | | | |
| 6 | | | | | |
| 7 | | | | | |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

**URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE BITABIRIYE INAMA YAYO ISANZWE YO KUWA 04/06/2018**

| No | AMAZINA | IGITSINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | BANAMWANA Bernard | G | ZAZA | 0787310705 | |
| 2 | MUKANKURANGA Béatrice | F | KIBUNGO | 0788457849 | |
| 3 | KIMENJI Martin | G | KAZO | 0788849461 | |
| 4 | KAMANZI John | M | Mutenderi | 0788643526 | |
| 5 | GASANA Jean de Dieu | M | MURAMA | 0788524525 | |
| 6 | KABANYANA Candide | F | Rukumberi | 0783338779 | |
| 7 | MUKANKANGA Marie | F | JARAMA | 0783341022 | |